

- Mu gihe wafashwe ku ngufu, baguha imiti ituma utandura Virusi itera Sida bakakurinda no gusama inda utiteguye.
- Ushoboye kubona telefoni hafi yawe hamagara Polisi kuri numero itishyura **3512** cyangwa **2315** bakugire inama z'icyo ukora

IHOHOTERWA RIBONEKA HE?

- Mu ngo
- Mu muryango mugari
- Mu kazi
- Mu mashuri
- Ahantu hahurira abantu benshi

(aho bategera imodoka, mu birori binyuranye, mu nzira,...)

Icyitonderwa: Serivisi zo gupima no gusuzuma uwahohotewe ku gitsina zitangirwa ubuntu ku bigo nderabuzima n'ibitaro, ariko ibijyanye no gupima no gusuzuma uwakubiswe kimwe n'andi moko y'ihohoterwa yavuzwe haruguru byo birishyurwa.

YWCA Rwanda na Oxfam birakangurira buriwese kurwanya ihohoterwa rikorerwa abagore yivuye inyuma kandi akamenyesha inzego zibishinzwe aho rigaragara.

NTA MPAMVU N'IMWE YO GUHOHOTERA UMUGORE.



**TUMENYE KANDI
TURWANYE IHOHOTERWA
RIKORERWA ABAGORE
N'ABAKOBWA**



NTA MPAMVU N'IMWE YO GUHOHOTERA UMUGORE.

IHOHOTERWA NI IKI ?

- Ihohoterwa ni igikorwa icyo ari cyo cyose gikorerwa umuntu atabishaka , haba ku mubiri, mu mitekerezwe, ku myanya ndanga gitsina no ku mutungo. Icyo gikorwa kimuvutsa uburenganzira bwe kandi kikamugiraho ingaruka mbi.

IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA NI IKI ?

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni igikorwa icyo ari cyo cyose gikorerwa umuntu atabishaka kubera ko ari igitsina Gore cyangwa Gabo. Icyo gikorwa kimuvutsa uburenganzira bwe kandi kikamugiraho ingaruka mbi.

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni icyaha gihanwa n'itegeko № 59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rirengera rikanakumira ihohoterwa .

Amoko y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina

(Gender based violence)

Itegeko rikumira ihohoterwa riteganywa amoko ane y'ingenzi y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina:

- Ihohoterwa rikorerwa ku gitsina**
(Sexual violence)
- Ihohoterwa rikomeretsa umubiri**
(Physical violence)
- Ihohoterwa rikomeretsa umutima**
(Psychological violence)
- Ihohoterwa rishingiye ku mutungo**
(Economic violence)

NI UBUHE BUFASHA BUHABWA UWAHO-HOTWE:

- Kugezwa byihutirwa ku Kigo nderabuzima kimwegereye kugira ngo ahabwe ubufasha bw'ubuvuzi bw'ibanze akeneye bitarenze amasaha 48
- Koherezwa vuba ku ivuriro rikwegereye kugira ngo akorerwe expertise medical izoherezwa kuri Polisi
- Kohereza expertise medical kuri Polisi y'aho icyaha cyakorewe kugira ngo itangire gukurikirana uwakoze icyaha no gushyikiriza ikirego inzego z'ubutabera
- Kurinda umutekano w'uwahohotewe mu gihe iperereza ku wakoze icyaha rigikorwa
- Kumusura aho atuye kugira ngo agirwe inama z'uko yitwara no kugira ngo ahumurizwe
- Uwakorewe ihohoterwa ry'igitsina ahabwa serivisi zo gupimwa no guhabwa imiti imurinda kwandura virusi itera Sida no kuba yasama inda atifuza ku buntu
- Kuri Polisi no ku mavuriro hari abashinzwe kwakira uwahohotewe mu ibanga
- Uwahohotewe akorerwa ubuvugizi kandi agaherekezwa mu nzego z'ibanze, iz'ubutabera, iz'ubuvuzi ku buryo bwihutirwa ;
- Uwahohotewe ashakirwa umwunganira mu butabera mu gihe adafite amikoro yo kubyikorera

WAKWIYAMBAZA NDE MU GIHE UHOHO-HOTWE?

Wakwitabaza aba bakurikira :

- Mu gihe uhohotewe uri ku ishuri , egera umurezi ukwegereye umubwire ikibazo uhuye nacyo
- Mu gihe uhohotewe uri mu rugo egera umuturanyi cyangwa inshuti ikwegereye wishyikiraho umugezeho ikibazo ugize
- Mu gihe uhohotewe uri ku kazi, egera umukozi mugenzi wawe wizeye umugezeho ikibazo ugize
- Mu gihe uhohotewe uri mu nzira, tabaza vuba umuntu ukuri hafi
- Yaba wowe wahohotewe , cyangwa uri kumwe n'uguherekeje, mwihutire kugera ku Kigo nderabuzima cyangwa ibitaro bikwegereye baguhe ubufasha bw'ibanze niba ari ngombwa .